**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF JUSTICE**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

## IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWANKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIZA ABAHESHA B'INKIKO N'ABANOTERI

## KU WA 20 KAMENA 2017

Bahesha b'Inkiko batari ab'umwuga, uw'Umwuga namwe ba Noteri mumaze kurahira;

Nishimiye kubaha ikaze muri Minisiteri y'Ubutabera no mu mirimo mishya mumaze kurahirira.

Nk'uko tubizi twese u Rwanda ni Igihugu kigendera ku mategeko, bimwe mu bigomba kubigaragaza ni ugutanga Serivise yihuse kandi inoze kuri buri muntu wese uje abagana;

Mu rwego rwo gutanga Ubutabera bwuzuye, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho Inzego z'Abahesha b'Inkiko baba ab'Umwuga n'abatari ab'umwuga hagamijwe korohereza abaturage guhabwa Ubutabera bwuzuye, kuva urubanza ruburanywe kugeza rurangijwe uwatsinze agahabwa ibyo yatsindiye. Abayobozi b'Inzego z'Ibanze (Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, ab'Imirenge n'ab'Uturere) n'abandi bakozi ba Leta batandukanye mu nshingano bahawe, Itegeko ryabongereyeho n'izindi nshingano zirimo kurangiza imanza, gukurikirana no gutanga inama ku irangizwa ryazo.

Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga, igihe muri mu gikorwa cyo kurangiza imanza, ibyemezo by'Inkiko n'inyandiko mpesha mugomba kuzirikana ko iyo umuturage arangirijwe urubanza aribwo aba abonye ubutabera bwuzuye, kubera iyo mpamvu muri gahunda z'akazi mutegura murasabwa no gushyiramo kurangiza imanza n'ibyemezo by'Inkiko.

Ku Muhesha w'Inkiko w'Umwuga umaze kurahira urasabwa guhesha agaciro umurimo wanyu n'Urugaga muhuriyemo, ukarangiza imanza, inyandiko mpesha n'ibyemezo by'Inkiko utita gusa ku gihembo uhabwa ahubwo ukareba isura wihesha ubwawe ari nayo uhesha n'Urugaga ubarizwamo.

Ku bufatanye bwa Minisiteri y'Ubutabera n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko hateguwe Umushinga w'Itegeko rivugurura Itegeko Nº12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko, mu rwego rwo kurushaho kunoza neza uwo murimo no gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu yo gutanga ubufasha mu by'amategeko,

Abahesha b'Inkiko mufite inshingano zikomeye zo gufasha Leta kugera ku ntego yihaye nk'Igihugu kigendera ku mategeko. Mu kuzuza izo nshingano murasabwa karushaho kuba inyangamugayo no gukurikiza ibikubiye mu manza murangiza, mukazirangiza uko Inkiko zabitegetse.

Mu bibazo bijya biboneka, ni uko bamwe mu Bahesha b'Inkiko barangiza imanza mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyane aho batandukira bagahesha ababasabye serivisi ibitaravuzwe mu cyemezo cy'Urukiko, murasabwa kugira ubwitonzi n'ubushishozi mu kurangiza imanza n'ibyemezo by'Inkiko mwirinda kugwa mu mutego.

Kugeza ubu imibare dufite igaragaza ko Abahesha b'Inkiko b'umwuga bamaze kurenga **400**; hashingiwe ku bateganywa n'Itegeko, Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga ni **2627** (Abanyamabanga Nshingwabikorwa **30** b'Uturere, **416** b'Imirenge, **2.147** b'Utugari na **03** bo muri Minisiteri y'Ubutabera, **01** wo ku Rwego rw'Umuvunyi ndetse na **30** bo muri MAJ), bose hamwe bakaba bagera kuri **3027** hatabariwemo abo mu ma Gereza n'ababihabwa n'amategeko agenga Ibigo bakoreramo.

Niyo mpamvu dusanga ko nta rubanza rurangizwa rwagombye kubura ururangiza kuko umubare w'Abahesha b'Inkiko umaze kugera ku kigero gikwiye ugereranyije n'ibihe byashize.

Mu rwego rwo gukoresha uburyo bw'Ikoranabuhanga ariyo gahunda Igihugu cyacu cyihaye, hashingiwe mu kunoza imikorere y'Inzego z'Ubutabera, hashyizweho uburyo bw'ikoranabuhanga (IECMS) bukoreshwa mu gutanga ibirego no kumenya amakuru yerekeranye n'imanza. Ubwo buryo buriho bunozwa kugira ngo buzajye bukoreshwa no mu irangizwa ry'imanza mu rwego rwo korohereza Abahesha b'Inkiko n'abarangirizwa imanza.

Ndibutsa Abahesha b'Inkiko batari ab'umwuga ko badakwiye kwakira igihembo icyo aricyo cyose giturutse k'uwo barangirije urubanza kuko ari Abakozi ba Leta bahemberwa imirimo bakoze kimwe n'izindi nshingano bafite mu kazi kabo ka buri

munsi. Kirazira kwaka umuturage amafaranga ngo mubone kumurangiriza urubanza. Ayo yitwa ruswa.

Mu mpera z'ukwezi kwa gatanu uyu mwaka, raporo yatanzwe n'Inzego z'Ibanze yagaragaje ko hakiri imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca zerekeye imitungo yangijwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994; Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ubwo bahabwaga amahugurwa yateguwe na Minisiteri y'Ubutabera ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yabaye ku wa 26-28 Mata 2017 bahize imihigo ko bagomba kuba barangije izo manza zujuje ibisabwa naho izifite imbogamizi buri Murenge ukazigaragaza.

Ni muri urwo rwego Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga mumaze kurahira ari mwe muzagira uruhare rugaragara muri icyo gikorwa cyo kurangiza izo manza kubera ko abasabwe kwishyura imitungo babarizwa mu Tugari mubereye Abanyamabanga Nshingwabikorwa nk'uko mwabonye amahugurwa yabateguriwe ku matariki ya 11-12/05/2017 ku bijyanye n'irangiza ry'imanza.

Kuri ba Noteri mumaze kurahira mufite inshingano zikomeye zo guha serivise abantu batandukanye baza babagana basaba kwemeza inyandiko zabo ziri mu bubasha muhabwa n'amategeko, ndabasaba namwe gukorana ubunyangamugayo n'ubushishozi muri iyo mirimo kuko imirimo mukora yaba iya notariya cyangwa iy'irangamimerere yose iramutse idakozwe neza yateza ikibazo mu baturage n'Igihugu muri rusange.

Hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko Nº13 bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigena Umurimo w'Abunoteri, mu Gihugu hose hari aba Noteri bagera kuri **910** (ab'Imirenge **832**, abo mu Turere **60**, aba MINIJUST **03**, aba RGB **02**, aba RDB **02**, abo ku rwego rwa *zones* z'iyandikisha ry'ubutaka **10** n'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka **01**) hatabariwemo abo ku rwego rwa za *Ambassades* z'u Rwanda.

Ibi nabyo byerekana ko Serivisi ya Notariya yakagombye kugenda neza, cyane cyane ko yegerejwe abaturage aho mbere y'ivugurura ry'inzego z'imiyoborere y'Igihugu Noteri yari umwe mu Gihugu cyose afite ibiro muri Minisiteri y'Ubutabera.

Ba Noteri kandi mumaze kurahira, ndabasaba ko mu mirimo mukora mukurikiza Amateka ya Minisitiri agenga umurimo wa Notariya ( Iteka rishyiraho ibiciro, Iteka rigena ibirango bya Noteri ……)

Mu gusoza nongeye gusaba mwese mumaze kurahira, Abahesha b'Inkiko na ba Noteri, kurangwa n'ubunyangamugayo mwirinda amarangamutima, ruswa, ikimenyane, gutonesha n'izindi ngeso mbi zisenya imirimo yanyu namwe itabaretse, kandi ibyo musanzwe mubizi.

Turongera kubasaba kurangwa n'indangagaciro na kirazira, mugaharanira kuba indakemwa mu kazi kanyu ka buri munsi mwakirana yombi abaza babagana.

Sinshidikanya ko ibyo musabwa byose muzabigeraho bitabagoye, nimwubahiriza amategeko kuko aribyo bizatuma mwirinda imanza za hato na hato bikazabahesha agaciro mukagahesha n'Igihugu muri rusange.

Minisiteri y'Ubutabera ikaba izakomeza kubafasha mu byo muzakenera byose kugira ngo mubashe kuzuza inshingano zanyu.

Murakoze.